

They that can give up essential liberty to obtain a little temporary safety deserve neither liberty nor safety.
Benjamin FRANKLIN

ITAJAMBO

N° 46

Fax: (250) 7 6574

Tél 7 2695

B.P. 2154 KIGALI

Cpte BCR 25 222/02 Avacom

Prix : 50 Frw Pour soutenir la Maternité et condamner l'agression faite au Ministre Agathe

"Give me liberty,
give me death"
Patrick HENRY



568

Alô, kunigwa
uzanigwe n'ubu urubonye

Spécial
Urugendo rw'abagore rushyigikira
umuryango runamagana ibyagiriwe
umubyeyi n'umurezi, Minisitiri Agata

Mugina

Burugumesitiri NKURUNZIZA
Emmanuel kuri risiti y'abagome
RWAMBUKA, GATETE, na KAJERIJERI

The Rucunshu putch



None twazasanga Agata yaratewe n'Agata !

Abakoze urugendo rwo ku ya 24.05.92 ntibatangajwe n'uko NYIRAMASU-HUKO ushinzwe Minisitiri y'umuryango ataje kwamagana ubugizi bwa nabi bwagiriwe umuryango. Byari bizwi ko M.R.N.D. ari yo yakoze ibikorwa by'iterabwoba, itega ibisasu mu butaka, mu modoka n'ahantu nyabagendwa harimo n'aho abantu bituma.

Kugeza ubu ikintu cyatubabaje cyane ni ugusagararira umutegarugori, umubyeyi igihugu cyashinze kukirerera. Uwo mubyeyi ashobora kuba yaratewe n'abanyaruhengeri cyangwa abanyagisenyi batashakaga ko agira uruhare mu mitegurire y'ikorwa ry'ibizami n'ikosora kuko hamwe mu banyaruhengeri n'abanyagisenyi bamenyereye kwinjiza abana mu mashuri bujura batari bakibonye aho bahera bahuguza imyanya y'abanyabwenge b'abakene b'iwabo.

Minisitiri UWIRINGIYIMANA akimara kuvuga ko yohereje mu Ruhengeri no ku Gisenyi abagenzuzi babiri kandi mu yandi ma Perefegitura yohereje umwe umwe, naketse ko ari ugushotora abakiga, nyuma mpita mbona ko atabigira igihe ari uwa M.D.R., yazuwe n'abakiga nka ba BAGARAGAZA na SEBATWARE. Natandukiriye mbishaka, kugira ngo numvishe abantu ko uriya murezi atavanguraga uturere, ko ahubwo yagiriraga neza abakiga, yanga ko abana babo b'abahanga baryamirwa n'abakire bamenyereye guhindurira amazina abana babo b'abaswa batsinzwe mu ishuri ryisumbuye kugira ngo bakore ibizami by'abanza, basubire mu yisumbuye.

Rero ibivugwa ku iterwa ry'uriya murezi Agata ni ibyerekeye amashuri. Kuri jye niko mbibona. Iperereza rikorwa ntirigira icyo rifata kuko inzego zose z'umutekano ziyoborwa n'abashyizweho na HABYARIMANA turega gutega ibisasu. Gusa kuba HABYARIMANA yatera umugore kandi ari ikinani kidatinye urugamba, byaba bidafututse cyane cyane ko afite urugamba ku nkiko. Ubwo rero twakwinjira iwe mu rugo, noneho abashinzwe iperereza bakabahamagara bakisobanura, basanga ari abere, bakabitubwira.

Impamvu tunganisha kwa Agata ni uko tuzi ko ari umugore w'umwami HABYARIMANA, n'ubwo we yitwara nk'umugabekazi kandi ari umwamikazi. Ni nde utasomye *Le Tribun du Peuple (Umuvugizi wa Rubanda)* ngo abone ko Agata ari mu badakwiye ubuhungiro, icumbi hanze iyo mu mahanga ! Uwo muntu udakwiye ubuhungiro arazira byinshi; bitari byiza. Niba atari umutagatifu, bivuga ko we n'abanyarwanda bose, usibye uwatewe, ashobora gukurikiranwa yitwa «umwere» ku gitero cyagabwe ku mubyeyi Agata. Umuntu wese arebwa nk'umwere igihe icyaha kitaramuhama : niko amategeko abigena. Ariko na none buri muntu arebwa nk'umugome iyo bashakisha abakoze icyaha. Ni ukuvuga ko igihe dushakisha abateye umubyeyi uturerera, buri munyarwanda ashobora kubazwa... cyane cyane rero ufite inyungu z'uko naka atabaho.

Mu bagira inyungu zo kwicisha, ntitwaheza Agata. Mu Rwanda rwo hambe uri ku ngoma yagiraga izina rye wenyine, rikaba rimwe mu gihugu. Uwitiranywaga n'umwami cyangwa umugabekazi yamburwaga iryo zina. None umunyarwanda yihye kwitiranwa n'abari ku ngoma kandi arimo azamurwa (ubuminisitiri), igihe ukuzamuka k'uwo mugore guca amarenga yo guhirikwa kwa bazina.

Inyungu Agata yagira yo kvanaho Agata, si amafaranga ahubwo ni ukuruhuka umutwaro (psychologique). None se ko imyaka 18 ishize tuzi ko ari we urengera abana, impfubyi, abagore n'umuryango, ni gute Agata ataje gushyigikira umuryango mu rugendo rwo kwamagana ibyagiriwe bazina ?

ANGIMANA Fr. Xavier

Inyamaswa yahawe indurun'umugore Abari n'abategarugori baheneye HABYARIMANA

Ku ya 24.05.92 twari twitabiriye guherekeza ba mama na bashiki bacu mu rugendo rwo gushyigira umuryango, no kwamagana ubugome bwagiriwe Minisitiri w'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye Urugendo rwashojwe neza n'ijambo ryafashe abagore, rigaheruka abagabo ngo babereke ko baba shyigikiye.

Umurwanashyaka MUGENZI Justin, Perezida wa P.L., yasobanuye ukuntu amashyaka (M.D.R. P.L.) yahaye abagore imyanya y'ingufu muri Minisitiri ziyagenewe M.R.N.D.(D). Yiha kuyigana iha umwanya umutegarugori waheshejwe diporomi n'igarade ry'umugabo we, ndetse imuha Minisitiri itagira akazi. RUGENERA Marc, Minisitiri w'imari (P.S.D.) yasobanuye ko muri guverinoma baticaye, ko ubwo barangije kvanaho impapuro z'inzira, bagiye kvanaho n'impushya zo gucumbika (Permis de résidence).

Dr. RUTIJANA (P.S.R.) yasabye ko Rukokoma yategurwa, naho KARAMIRA (M.D.R.) avuye ko itegeko rikwiye gukosorwa kuko ntawe ukwiye kwaka uburenganzira bwo kwigaragambya. Yasobanuye ikinani icyo ari cyo : «akagasire gato katagisywa» bityo ikinani kikaba cyarivuze uko kiri.

Muri rusange urugendo rwagenze neza : Interahamwe zari ziteguye kugirira nabi abari n'abategarugori, noneho urubyiruko rwa J.D.R. ruba maso. Ni narwo rwokeje igitutu interahamwe kuko bukeye bw'aho zamburiye HANGIMANA w'IJAMBO ibyuma bifotora zabijyanye kuri M.D.R. Ngo zari zigambiriye kumugira ingwate, ngo zirahora iyazo yari yaraye yishwe, zibimwambura akikijwe n'abajandarume barimo umukapiteni n'umuriyetona. Mu mirongo iri imbere murisomera amagambo meza abarwanashyakakazi bavuze bamagana ikinani.



Uherezeye iburyo ujya ibumoso : abarwanashyaka ba P.S.R., P.S.D., M.D.R.

«Twagiye mu mashyaka.... n'iterabwoba ntacyo rizadutwara» nguko uko urugamba rwari rushyushye mbere y'uko Madamu IKIMANIZANYE wari uhagarariye P.S.D. afata ijambo :

«Banyarwanda, banyarwanda, ndakazi, rubyiruko, nshuti bavan dimwe, inkoni ikubise mukeba uyirenza urugo. Nibyo koko, inkoni ikubise mukeba uyirenza urugo. Uyu muni twaje kwamagana ubu-

kozi bw'ibibi, urugomo rwagiriye mugenzi wacu, Madamu UWIRUKI NGIYIMANA Agata, Minisitiri w'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye; uyu muni niwe bagiriye urugomo, ejo ni undi, ejo bundi nibibondo byacu, nduzi ko basaza bacu tumenyereye ko babakubite ubusa, babafungira ubusa, ndetse bamwe bakanabica bazira akama.

Kuba rero twebwe ababyey twagiye mu muhanda ntabwo sanzwe, ntaho byabaye mu gihu cyacu. Iki ni ikimenyetso gikomeye mu maso y'amahanga yose. Ni ikimenyetso gikomeye mu maso y'iburyo cyose. Kandi twizere ko ababazabwese, abifuzabwese, ababazabwese, n'abandi babwifuzabwese, ikimenyetso gikomeye. Bakire bacyumve : barebe icyo cyivuye. Twebwe ababyeyi bo mu Ishyamba riharanira demokarasi n'imibere myiza y'abaturage, tubabajyaga n'akajagari, akaduruvayo, ubuk